

ZAKATUL FITRI

NI GUTE ZAKATUL FITRI ISUKURA
IGISIBO CYAWE IGIKURAHU
UMWANDA NDETSE N' AHO
KITUZUYE?

NI GUTE ZAKATUL FITRI ISHYIRA
IBYISHIMO MU MITIMA Y' ABATINDI
N' ABAKENE, KUGIRA NGO BISHIME
KU MUNSI W' ILAYIDI NKUKO NA WE
UBA WISHIMYE?

TEKEREZA KURI IYI MVUGO:

IMVUGO YATURUTSE KURI IBUN
ABASI (IMANA IMWISHIMIRE)
YARAVUZE ATI: INTUMWA Y'IMANA
(IMANA IMUHE AMAHORO
N'IMIGISHA) **YATEGETSE GUTANGA
ZAKATUL FITRI, KUGIRANGO
ISUKURE UWASIBYE IMUKURAHU**

**IMYANDA N'IBINDI BIBI, NO KUGIRA
NGO UGABURIRWEMO ABAKENE”**

ZAKATUL FITRI: NI ITEGEKO KURI
BURI MUYISLAMU UBWE NDETSE NO
KUBO ASHINZWE NK'UMUGORE WE
N'ABANA BE. IYO AFITE
IBIMUHAGIJE WE N'UMURYANGO WE
KURI UWO MUNSI.

SI NGOMBWA KUBA ATUNZE IBIRI
KU KIGERO RUNAKA.

**IKIGERO UMUNTU AGOMBA
GUTANGA: NI IKIBO
CY'IBINYAMPEKE N'ITENDE, MBESE
IBIRIBWA ABANTU BAMENYEREYE.**

NK'ITENDE, UMUCERI N'IBINDI.

IMVUGO YATURUTSE KURI IBUN
UMAR (IMANA IBISHIMIRE BOMBI)
YARAVUZE ATI: **“INTUMWA**

MUHAMADI YATEGETSE GUTANGA
ZAKATUL FITRI, ICYIBO CY'ITENDE
CYANGWA ICY'INGANO,
K'UMUCAKARA N'UTARI WE,
IGITSINA GABO N'IGITSINA GORE,
UMUTO N'UMUKURU MU
BAYISLAMU”

INTUMWA MUHAMAD KANDI
YATEGETSE KO ITANGWA MBERE
Y'UKO ABANTU BAJYA GUSENGA
ILAYID, KANDI ITANGIRA KUBA
ITEGEKO IZUBA RIRENZE KU MUNSI
WA NYUMA WA RAMADHANI.

IBYIZA ARIKO: NI UKO ITANGWA
MBERE YUKO ISENGESHO RY'ILAYID
RIKORWA.

KANDI BIREMEWE KO YATANGWA
MBERE Y'ILAYIDI HO UMUNSI UMWE
CYANGWA IMINSI IBIRI, NKO KU

MUNSI WA 28, KUKO UKWEZI
KUGIRA IMINSI 29 CYANGWA 30.

NTIBYEMEWE GUTANGA ZAKATUL
FITRI NYUMA Y'ISENGESHO
RY'ILAYID.

UTAYITANZE MBERE Y'UMUNSI
W'ILAYID ABA AKOSHEJE, USIBYE
IGIHE AFITE IMPAMVU YEMEWE,
ICYO GIHE AGOMBA KUYISHYURA.

MUJYE MWIHUTIRA KUYITANGA MU
BYIZA MWIRINGIYE IBIHEMBO.

IMANA YARAVUZE ITI “**YEMWE
ABEMEYE! MUTANGE MU BYO
TWABAHAYE MBERE Y'UKO
HAGERA UMUNSI UTAZABAHO
UBUCURUZI, UBUCUTI CYANGWA
UBUVUGIZI. MU BY'UKURI
ABAHAKANYI NI BO NKOZI Z'IBIBI”**